

<p><b>AMABWIRIZA YA MINISITIRI No 01/2017 YO KUWA 17/11/2017 YEREKEYE GUKUMIRA NO KURWANYA IMIRIMO MIBI IKORESHA ABANA</b></p>	<p><b>MINISTERIAL INSTRUCTIONS NO 01/2017 OF 17/11/2017 RELATING TO PREVENTION AND FIGHT AGAINST CHILD LABOUR</b></p>	<p><b>INSTRUCTIONS DU MINISTRE N° 01/2017 DU 17/11/2017 CONCERNANT LA PREVENTION ET LUTE CONTRE LES TRAVAIL DES ENFANTS</b></p>
<p><b>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</b></p> <p>Ashingiye ku itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, 4, 72, 73 n'iya 168;</p> <p>Ashingiye ku itegeko N°54/2011 ryo ku wa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N°06 ryo ku wa 13/07/2010 rishyiraho urutonde n'imiterere y'imirimo mibi ku bana, ibyiciro by'ibigo bibujijwe kubakoresha hamwe n'ingamba zo kubirwanya;</p> <p>Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri idasanzwe yo ku wa 26/05/2017 aho yasabye Inzego zose bireba kurwanya imirimo mibi ikoresha abana bityo igacika;</p>	<p><b>The Minister of Public Service and Labour ;</b></p> <p>Pursuant to the Law n° 13/2009 of 27/05/2009 Regulating Labour in Rwanda in its articles 3,4,72,73 and art.169 ;</p> <p>Pursuant to the law no 54/2011 of 14/12/2011 Relating to the Rights and the protection of the Child;</p> <p>Pursuant to the Ministerial Order n° 06/2010 Determining the list of Worst forms of child labour, Hazardous work , category of Institution not allowed to employ them and their Prevention mechanisms;</p> <p>Pursuant to Cabinet Resolutions of 26/05/2017 which requested all concerned Institutions in protecting children to make a priority in the matter of eliminating child labour;</p>	<p><b>La Ministre de la Fonction Public et du travail;</b></p> <p>Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant loi du travail surtout dans ses articles 3,4,72,73 et 168;</p> <p>Vu la loi n° 54/2011 du 14/12/2011 Relative aux droits et à la protection des enfants;</p> <p>Vu l'Arrêté Ministeriel n° 06/2010 du 13/07/2010 Determinant la liste et Nature des pires formes du travail des enfants, les categories d'Entreprises interdites aux enfants et les mecanismes de leur Prevention ;</p> <p>Vu les résolutions du Conseil des Ministres du 26/05/2017 qui portent sur l'importance lutter contre les travaux des enfants par des Institutions concernées pour protection des enfants ;</p>

<p>Amaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho amabwiriza yerekeye gukumira no kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana;</p> <p><b>ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:</b></p> <p><b><u>ICYICIRO CYA 1: ICYO AMABWIRIZA AGAMIJE N'ABAREBWA NAYO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 1: icyo aya Mabwiriza agamije</u></b></p> <p>Aya mabwiriza ashiraho uburyo bwo gukumira no kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya Mabwiriza</u></b></p> <p>Aya mabwiriza areba Abakoresha mu mirimo yanditse, itanditse, ababyeyi n'abandi bantu bose bafite inshingano zo kurinda abana.</p>	<p>Having realized that there is need to eliminate child labour;</p> <p><b>ISSUES THE FOLLOWING MINISTERIAL INSTRUCTION:</b></p> <p><b><u>CHAPTER 1: PURPOSE OF THE MINISTERIAL INSTRUCTIONS ON CHILD LABOUR</u></b></p> <p><b><u>Article 1: Purpose of this Ministerial Instruction</u></b></p> <p>These Ministerial Instructions establishes mechanisms for Preventing and fighting against all forms of child Labour.</p> <p><b><u>Article 2: Scope of application</u></b></p> <p>These Ministerial Instructions applies to employers in formal &amp; informal sector, parents and other persons responsible for protection of the children.</p>	<p>Vu la necessité de lutte contre les pires formes du travail aux enfants;</p> <p><b>EMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE 1: OBJET DU PRESENT INSTRUCTION SUR LE TRAVAIL DES ENFANTS ET CHAMP D'APPLICATION</u></b></p> <p><b><u>Article 1: Objet du présent Instructions</u></b></p> <p>Ces Instructions Ministérielles établissent des mécanismes de prévention et de lutte contre toutes les formes de l'enfant du travail.</p> <p><b><u>Article 2: Champ d'application</u></b></p> <p>Ces Instructions Ministérielles s'applique à tous les employeurs dans le secteur formel et informel, parents et autres personnes chargées de la protection des enfants.</p>
--	---	---

**ICYICIRO CYA 2: IBISOBANURO BY'AMAGAMBO**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

- a. **Umwana:** ni umuntu uri muni y'imyaka cumi n'umunani (18).
- b. **Imirimo mibi ikoreshwa umwana:** Umurimo wose ubangamira imikurire y'umwana, imuvutsa amahirwe, imutesha agaciro, kandi ikabangamira iterambere ry'ubuzima bwe n'imitekerereze ye.
- c. **Umurimo woroheje:** ni Umurimo:
  - i. Udashobora kubangamira Ubuzima cyangwa Imikurire by'Umwana;
  - ii. Udashobora kubangamira imyigire ye, kwitabira Ubumenyi ngiro cyangwa izindi gahunda z'amahugurwa zemejwe na Leta;
  - iii. Ukorwa ku manywa hagati ya saa kumi n'ebyiri n'igice z'igitondo na saa kumi n'ebyiri n'igice z'umugoroba kandi umwana akawukora agenzurwa n'umuntu mukuru.

**CHAPTER 2: DEFINITIONS**

**Article 3: Definitions**

- a. **Child:** a person under eighteen (18) years of age.
- b. **Child labor:** work that deprives children of their childhood, their potential and their dignity, and that is harmful to physical and mental development.
- c. **Light work:** It is permissible work that:
  - i. does not affect health or development of a child;
  - ii. does not affect education of a child, or attend vocational training or other programmes recognized by the government;
  - iii. is performed during a day between 6:30 am-6:30 pm and is performed by a child under supervision of an adult person.

**CHAPITRE 2: DEFINITIONS**

**Article 3: Definitions**

- a. **L'enfant:** Une personne agée de moins de dix huit ans (18).
- b. **Travail des enfants:** Les activités qui privent les enfants de leur enfance, de leur potentiel et de leur dignité et nuisent à leur santé, développement physique et mental.
- c. **Travail léger:** s'entend pour tout travail de qui par sa nature:
  - i. Ne peut nuire la santé et le développement psychique de l'enfant;
  - ii. Qui ne peut pas enterferer l'éducation de l'enfant ou toutes autres programmes reconnu par l'Etat;
  - iii. Le travail fait pendant le jour entre six heure et demi du matin (6h30) jusqu'à dix huit heure trente du soir (18h30) et ceci par supervision de la personne adulte en sa disponibilité.

<p><b>ICYICIRO CYA 3: AMAHAME RUSANGE Y'UBURENGANZIRA BW'UMWANA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Uburenganzira bw'ibanze bw'umwana</u></b></p> <p><b>a. Uburinganire bw'Abana:</b> Abana bavuka bangana kandi bafite uburenganzira bumwe n'ubwisanzure bugenwa n'amategeko, kandi barindwa ivangura iryo ari ryo ryose.</p> <p><b>b. Uburenganzira bwo kubaho:</b> Umwana afite uburenganzira bwo kubaho kandi ntashobora kubuvutswa.</p> <p><b>c. Uburenganzira bw'imikurire:</b> Umwana afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, umuryango nyarwanda na Leta kugira ngo akure neza ku mubiri, mu mitekerereze, mu kwemera, mu bwenge, mu bitekerezo no mu mibanire ye n'abandi ku buryo buhuje n'agaciro ka muntu.</p>	<p><b>CHAPTER 3: GENERAL PRINCIPLES ABOUT CHILDREN'S RIGHTS</b></p> <p><b><u>Article 4: Basic children's rights</u></b></p> <p><b>a. Equality of all children:</b> children are born equal and with equal rights and freedoms as provided for by laws and also protected against any discrimination.</p> <p><b>b. Right to live:</b> A child has a right to live and cannot be deprived such rights.</p> <p><b>c. Right to grow:</b> A child has a right to be protected by his/her family, community and by the government to grow physically, mentally, spiritually, psychologically and socially in relation to personal dignity.</p>	<p><b>CHAPITRE 3: LES DROITS FONDAMENTAUX DE L'ENFANT</b></p> <p><b><u>Article 4: Les droits spécifiques pour l'enfant</u></b></p> <p><b>a. L'égalité des enfants:</b> Les enfants sont nés égaux et avec l'égalité des droits et libertés prévus par les lois et également protégés contre toute forme de discrimination.</p> <p><b>b. Droit à la vie:</b> Tout enfant a droit à la vie et nul personne ne peut le ravir.</p> <p><b>c. Droit de développement mental et psychique: droit à la croissance:</b> un enfant a le droit d'être protégée par sa famille, communauté et par le gouvernement de se développer physiquement, mentalement, spirituellement, psychologiquement et socialement par rapport à la dignité personnelle.</p>
---	--	---

<p><b>d. Uburenganzira bw'umwana bwo kurengerwa:</b> Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga.</p> <p><b>e. Uburenganzira ku burezi:</b> Umwana afite uburenganzira ku burezi.</p> <p><b>f. Kurererwa mu muryango:</b> Ababyeyi bombi bafite inshingano zo kurera abana babo, abo bafitany'isano cyangwa imfubyi biyemeje kurera babyemerewe n'amategeko.</p>	<p><b>d. Right to protection:</b> Children have the right to protection particularly by his/her family, by the community in general and by the government depending on his/her age and economic wellbeing of that child as stipulated in both the Rwandan laws and International Conventions.</p> <p><b>e. Right to Education:</b> A child has a right to education.</p> <p><b>f. Right to Family:</b> Both parents have equal responsibilities to taking care of their child, relatives and orphans they adopted.</p>	<p><b>d. Droit à la protection:</b> tout enfant a droit spécifique d'être protégé par sa famille, l'Etat et la société en générale compte tenu de son âge ses condition de vie comme stipule par la legislation rwandaise et Conventions International.</p> <p><b>e. Droit à l' éducation:</b> Tout enfant a droit à l'éducation.</p> <p><b>f. Droit de grandir dans sa famille:</b> Les entants peu importe enfants légitimes, orphelins ou enfants adoptés légalement doivent être protégés en famille par les parents.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'Umwana</u></b></p> <p>Umwana afite inshingano zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. Kubaha no kwiyubaha;</li> <li>b. Kumvira;</li> <li>c. Kwiga;</li> <li>d. Gukora imirimo yo mu rugo itabangamira imyigire, ubuzima cyangwa imitekerereze ye;</li> <li>e. Gutanga amakuru yose ajyanye n'ibyo abona byamubangamira cyane cyane birebana n'ihohoterwa iryo ariryo ryose.</li> </ul>	<p><b><u>Article 5: Responsibilities of the Child</u></b></p> <p>The Child has the following responsibilities:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. To respect and respect to himself,</li> <li>b. To obey;</li> <li>c. To study;</li> <li>d. Perform lights household works that cannot affect his or her studies and health;</li> <li>e. Provide information in correlation of what would undermine his or her wellbeing specifically Gender Based Violence.</li> </ul>	<p><b><u>Article 5: Les responsabilités de l'Enfant</u></b></p> <p>L'enfant a les responsabilités suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. Respect à l'autrui et en soi</li> <li>b. L'obéissance;</li> <li>c. doit étudier;</li> <li>d. effectuer des travaux légers qui ne peuvent pas nuire sa santé et qui ne compromette contre son éducation;</li> <li>e. Produire des informations necécaires surtout celles en correlation d'exploitation basée sur le genre.</li> </ul>

<b>ICYICIRO CYA 4: IBYICIRO BY'IMYAKA Y'ABANA N'IMIRIMO IJYANYE N'UBUSHOBOZI BWABO</b>	<b>CHAPTER 4: CATEGORIES OF AGE GROUPS AND THEIR RELATED ACTIVITIES</b>	<b>CHAPITRE 4: LES TRAVAUX LEGERS AUX ENFANTS SELON LEUR TRANCHE D'AGE</b>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Umwana uri hasi y'Imyaka itanu (5)</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> A child under 5 years</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> L'enfant âgé de moins de cinq ans (5)</b></p>
<p>Umwana uri hasi y'Imyaka itanu (5) ntiyemerewe gukora umurimo uwo ari wo wose n'ubwo waba uwo kwimenyereza Umurimo.</p>	<p>Children below five years (5) of age shall not be allowed to work even as apprentices.</p>	<p>Enfant âgé de moins de cinq ans (5) ne doit pas travailler même comme apprentis.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Umwana uri hagati y'imyaka itanu na cumi n'ibiri (5- 12)</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> A child aged between five and twelve years (5-12)</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Lenfant agé de cinq à douze ans (5-12)</b></p>
<p>Umwana uri hagati imyaka 5-12 yemerewe gukora imirimo yo mu rugo idahemberwa.</p>	<p>Child between 5-12 years of age is allowed to perform non-remunerated household chores.</p>	<p>Enfant âgé de 5 à 12 ans est autorisé à effectuer des travaux ménagers non rémunérés.</p>
<p>Zimwe mu ngero z'iyi mirimo ni izi zikurikira:</p>	<p>Examples of such kind of work include:</p>	<p>Exemple de ces travaux légers fait par l'enfant dans sa famille:</p>
<ul style="list-style-type: none"> <li>a. Gutegura ifunguro ryo mu rugo;</li> <li>b. Gufura imyenda;</li> <li>c. Gutera ipasi;</li> <li>d. Gukoresha umuvandimwe umukoro;</li> <li>e. Gukora isuku mu rugo;</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>a. Preparing family meals;</li> <li>b. Washing clothes;</li> <li>c. Ironing;</li> <li>d. Helping siblings with homework;</li> <li>e. General Cleaning at home;</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>a. Faire une petite cuisine dans sa famille;</li> <li>b. Lessiver ses habits;</li> <li>c. Repasser ses habit;</li> <li>d. Aider son frère ou soeur à faire le devoir à domicile;</li> <li>e. Faire la proprété à l'interieur ou exterieure de la maison;</li> </ul>

<p><b>f.</b> Gutuma umwana muri karitiye;</p> <p><b>g.</b> Kwahira ubwatsi bw'amatungo;</p> <p><b>h.</b> Kuzana umusaruro mu murima;</p> <p><b>i.</b> Kuvoma amazi yo murugo;</p> <p><b>j.</b> Kudahira inka;</p> <p><b>k.</b> Gukama no Gukamisha;</p> <p><b>l.</b> Kugemura ibiribwa aho ariho hose;</p> <p><b>m.</b> Gutunganya akarima k'igikoni;</p> <p><b>n.</b> Kuragira amatungo;</p> <p><b>o.</b> Gusasira ikawa;</p> <p><b>p.</b> Gukuka;</p> <p><b>q.</b> Koza ibikoresha byo mu rugo;</p> <p><b>r.</b> Guhura.</p>	<p><b>f.</b> Being sent to take or bring something from neighbors or buy something from the shop;</p> <p><b>g.</b> Collecting grasses for domestic animals;</p> <p><b>h.</b> Collecting harvest from the garden;</p> <p><b>i.</b> Fetching water for home use;</p> <p><b>j.</b> Fetching water for cows;</p> <p><b>k.</b> Milking cows and collecting milk ;</p> <p><b>l.</b> Taking food any where;</p> <p><b>m.</b> preparation of home grown garden;</p> <p><b>n.</b> Looking after family domestic animals</p> <p><b>o.</b> coffee harvest;</p> <p><b>p.</b> To clean out the place where animals sleep;</p> <p><b>q.</b> Cleaning household utensils;</p> <p><b>r.</b> Pounding.</p>	<p><b>f.</b> Peut aider sa famille (amener un objet dans le cartier par commande de son parent);</p> <p><b>g.</b> amener le fouflage pour les bétails</p> <p><b>h.</b> Recolters dans le champ;</p> <p><b>i.</b> puiser de l'eau pour utilise a la maison</p> <p><b>j.</b> puiser de l'eau aux bétails;</p> <p><b>k.</b> Traire la vache;</p> <p><b>l.</b> La prise de n'importe où;</p> <p><b>m.</b> faire un petit champ de légumes;</p> <p><b>n.</b> garder les bétails de sa famille;</p> <p><b>o.</b> sarclage des caféilliers;</p> <p><b>p.</b> faire la propreté au ou passe la nuit les beitails</p> <p><b>q.</b> laver les instincilles de ménage;</p> <p><b>r.</b> Piler.</p>
--	---	---

<p>Umwana ashobora gukora imirimo ivugwa mu ngingo ya 7 y'aya mabwiriza mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine (20) mu cyumweru.</p>	<p>A child may perform the activities mentioned in article 7 of these instructions in period not exceeding 20 hours in a week.</p>	<p>Un enfant peut les effectuer les ctivités mentionnées à l'article 7 des présentes instructions dans une période ne dépassant ne pas 20 heures par semaine.</p>
<p>Imwe mu mirimo yo murugo ifitiye inyungu umuryango umwana uri hagati y'imyaka itanu na cumi n'ibiri (5 -12) atemerewe gukora:</p>	<p>Examples of family income generating activities that a child aged between 5-12 must not involve in include:</p>	<p>L'un des travaux bénéfiques à la famille que l'enfant de 5-12 ne doit pas faire et qualifiés dangereux pour eux:</p>
<p>a. Kuroba; b. Guhiga; c. Kubaka aho imyaka ihunikwa; d. Kudoda; e. Gusuka no kogosha; f. Kwenga inzoga; g. Kuboha ibiseke; h. Ubucuruzi bwo mu muryango.</p>	<p>a. Fishing; b. Hunting; c. Construction of crops reserve; d. Tailoring; e. Hair weaving and cutting; f. Local alcohol brewing; g. Basket weaving; h. Family business;</p>	<p>a. Pêcher; b. Fair la chasse; c. Construction de stockage des denrés alimentaires; d. Coudre; e. Travaux de salon de coiffure et beauté; f. Faire la poisson alcooliques; g. Fabriquer des obets d'arts; h. Pratique du commerce familiale.</p>
<p>Umwana wo muri iki cyiciro cy'imyaka itanu na cumi n'ibiri (5 -12) ntiyemerewe gukora umurimo uwari wo wose wo hanze y'umuryango.</p>	<p>A child who is aged 5-12 must not perform any kind of work outside the family or household.</p>	<p>Tout enfant de ce tranche d'âge de 5-12 ans n'est pas admis de travailler en dehors de sa famille.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Umwana uri hagati y'imyaka cumi n'itatu na cumi n'itanu (13-15)</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> A child aged between 13-15 years</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> L'enfant âgé de treize à quinze ans (13-15)</b></p>
<p>Umwana uri hagati y'imyaka cumi n'itatu (13) na cumi n'itanu (15) ashobora gukora imirimo yoroheje n'imirimo yose yo murugo yavuzwe mu ngingo ya 7 y'aya mabwiriza usibye « <i>Guhiga, Kuroba no kwenga inzoga....</i> ».</p>	<p>A child of age group beteween 13-15 years may perform light work, domestic chores listed in article 7 except « hunting, fishing and alcohol brewing .... ».</p>	<p>L'enfant de treize à quinze ans (13 – 15) est admis à faire les travaux légers cités dans l'article 7 de ces Instruction que ce soit en l'intérieur et extérieur de sa famille excepté «Faire la chasse; pêcher; et produire la boisson alcoolique...».</p>



<p>Imwe mu mirimo yo hanze y'umuryango yoroheje umwana uri muri iki cyiciro yemerewe gukora:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. Kwimenyereza umwuga;</li> <li>b. Gukoresha mudasobwa ;</li> <li>c. Gucuruza amakarita yo guhamagara cyangwa Mituyu</li> <li>d. Gukora Televiziyo, Radio n'ibindi bikoresho bitandukanye ;</li> <li>e. Gutanga ibinyamakuru;</li> <li>f. Gufasha umubyeyi cyangwa undi muntu kwakira abakiliya mu iduka cyangwa ahandi hantu hakorerwa ubucuruzi cyangwa hatangirwa serivisi;</li> <li>g. Gucuruza umuriro; amata ; amakarita; Mobile Money (Mobayilomani);</li> <li>h. Interineti (Internet) n'ibindi....;</li> <li>i. Guhura cyangwa gusya imyaka n'imashini yo mu rugo;</li> <li>j. Gusuka ;</li> <li>k. Kogosha;</li> <li>l. Kuboha ibiseke;</li> <li>m. Gucuruza.</li> </ul> <p>Umwana uri muri iki cyiciro cy'imyaka nubwo yemerewe gukora imirimo yoroheje ariko ntiyemerewe kuyikora amasaha arenze mirongo ine (40) mu cyumweru.</p>	<p>Examples of light work a child in this age category is allowed to perform are:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. Internship;</li> <li>b. Use of computer services;</li> <li>c. Selling telephone cards;</li> <li>d. Repairing TVs, Radios and other electronics;</li> <li>e. Distributing newspapers;</li> <li>f. Helping parents in attending to customers in family shops/business;</li> <li>g. Selling milk, online electricity units; online mobile money;</li> <li>h. Working in internet cafe;</li> <li>i. Harvesting crops or using grinding machine;</li> <li>j. Hair weaving;</li> <li>k. Hair cutting;</li> <li>l. Basket weaving;</li> <li>m. Operating any simple business.</li> </ul> <p>Although a child in this age category may perform light work, but he/she must not exceed 40 hours in a week.</p>	<p>L'un d'exemple des travaux légers que l'enfant de (13-15 ans) est admis à effectuer en dehors de sa famille :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. apprentissage de métier;</li> <li>b. Usage de l'Ordinateur;</li> <li>c. Distribuer et vente de carte de telephones mobiles;</li> <li>d. Reparer les appareille electroniques tel que televisions, radios;</li> <li>e. Distribuer les journaux;</li> <li>f. Aider les parent ou autre personne dans le commerce familiale;</li> <li>g. Vente de courant electrique, laits et cartes de telephone;</li> <li>h. Vente d'internet connections etc. ;</li> <li>i. Piler ou moudre en utilisant le machine;</li> <li>j. Tressage;</li> <li>k. Travail au salon de coiffure;</li> <li>l. Fabriquer des paniers;</li> <li>m. Faire le petit commerce ambulat.</li> </ul> <p>Même si l'enfant de cette tranche d'âge ci-haut est admis d'effectuer des travaux légers; il ne doit pas dépasser une durée de 40 heures par semaine.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 9: Umwana uri hagati y’imyaka 16-17</u></b></p> <p>(1) Yemerewe gukora imirimo yose nk’umuntu mukuru uri hejuru y’imyaka cumi n’umunani (18).</p> <p>(2) Cyakora ntiyemerewe gukoreshwa imirimo mibi ikurikira:</p> <p><b>a) Imirimo mibi ikoreshwa abana y’ikubitiro</b></p> <p>Abana bose bari munsi y’imyaka cumi n’umunani (18) ntibemerewe gukoreshwa imirimo mibi y’ikubitiro ishobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. kubashyira mu bucakara n’igisa nabwo;</li> <li>b. kubagurisha no kubacuruza</li> <li>c. kubakoresha nk’abaja mu kwishyura amadeni;</li> <li>d. kubasimbuza abantu bakuru mu mirimo y’agahato;</li> <li>e. kubashyira mu kazi hagamijwe kubakoresha mu makimbirane n’intambara;</li> </ul>	<p><b><u>Article 9: A Child aged between aged 16-17</u></b></p> <p>(1) A child aged between 16-17 may perform work like adult of above 18 years.</p> <p>(2) However, he/she must not perform the Worst forms and Hazardous works as follow:</p> <p><b>a) Worst forms of child labour</b></p> <p>Children must not work in worst forms of child labor such as:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. all forms of slavery or practices similar to slavery;</li> <li>b. sale and trafficking of children;</li> <li>c. debt bondage and serfdom and forced or compulsory labour;</li> <li>d. to replace them with mature people in forced labour;</li> <li>e. forced or compulsory recruitment of children for use in armed conflict;</li> </ul>	<p><b><u>Article 9: L’enfant âgé de seize à dix sept ans (16-17)</u></b></p> <p>(1) L’enfant de cet âge est admis d’effectuer tous les travaux comme l’adulte agée (18).</p> <p>(3) Néanmoins, il (elle) ne doit pas effectuer les pires formes de travail des enfants tel que:</p> <p><b>a) Pire formes de travail des enfants</b></p> <p>Les enfants ne doivent pas travailler dans les pires formes de travail des enfants telles que:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. Toute forme d’esclavage ou pratiques; analogues à l’esclavage;</li> <li>b. vente et trafic d’enfants;</li> <li>c. servitude pour dettes et servage et travail forcé ou obligatoire;</li> <li>d. le remplacement des personnes âgées par des enfants aux travaux forcés;</li> <li>e. recrutement forcé ou obligatoire d’enfants devant être utilisés dans des conflits armés;</li> </ul>
---	---	---

<p>f. kubashora mu bumaraya no kubagira ibikoresho byabwo,</p> <p>g. kubakoresha ibikorwa ibyo ari byo byose n'imikino y'iterasoni bishingiye ku gitsina;</p> <p>h. ku bakoresha mu gukora no gucuruza ibiyobyabwenge.</p> <p><b>b) Imirimo ihungabanya Imiterere y'umubiri w'abana n'Imitekerereze yabo :</b></p> <p>1. imirimo ikorerwa muni cyangwa hejuru y'ubutaka ijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye no kuyacongwa cyangwa imirimo ikorerwa muni y'amazi, ahantu harehare cyane cyangwa ahantu hafunganye;</p> <p>2. imirimo yo gukamura ibishanga, gutema ibiti no gukoresha ifumbire n'imiti mvaruganda;</p> <p>3. imirimo ikorerwa ahantu hadatunganye ku buryo hashobora kwanduza ubuzima</p>	<p>f. using, procuring or offering a child for prostitution;</p> <p>g. involvement in production of pornography or for pornographic performances;</p> <p>h. Using, procuring or offering a child for illicit activities, in particular for the production and trafficking of drugs.</p> <p><b>b) Works that may affect the health, security or morality of the child shall include:</b></p> <p>1. works carried out on the surface or underground aimed at mining or works carried out underneath the water, places with high heights or congested places;</p> <p>2. works carried out in the drainage of marshlands, cutting down of trees, utilising fertilisers and pesticides;</p> <p>3. works carried out in unhygienic places that may expose children to dangerous products and chemicals, conditions of very high temperature,</p>	<p>f. utiliser, procurer ou offrir un enfant à des fins de prostitution;</p> <p>g. la participation à la production de pornographie ou à des représentations pornographiques;</p> <p>h. utiliser, procurer ou offrir un enfant à des activités illicites, en particulier pour la production et le trafic de stupéfiants;</p> <p><b>b) Parmi les travaux susceptibles de nuire à la santé, à la sécurité ou à la moralité de l'enfant figurent:</b></p> <p>1. les travaux qui s'effectuent sous terre ou à ciel ouvert en rapport avec l'extraction ou le concassage des pierres, ou les travaux accomplis sous l'eau, à des hauteurs dangereuses ou des espaces confinés;</p> <p>2. les travaux de drainage des marais, de coupe de souches, d'utilisation d'engrais chimiques et d'épandage des pesticides;</p> <p>3. les travaux qui s'effectuent dans un milieu malsain pouvant exposer des enfants à des substances, des agents ou des procédés</p>
---	--	---

<p>bw'abana kubahuza n'imiti mibi ihakoreshwa, ahari ubushyuhe, urusaku n'ibintu bitigisa byinshi ku buryo bishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bwabo;</p> <p>4. Imirimo ijyanye no gusenya.</p> <p><b>c. Imirimo ifite ubukana bubi ku buzima bw'abana:</b> Imirimo ishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bw'Umwana harimo:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. imirimo ihungabanya imiterere y'umubiri w'abana;</li> <li>2. Imirimo ikoreshe imashini n'ibindi bikoresho bishobora kugira ubukana bubi ku buzima cyangwa isaba guterura no kwikorera imitwaro iremereye;</li> <li>3. imirimo y'uburobyi mu bwato;</li> </ol>	<p>noise and vibrations that may affect the lives of the children;</p> <p>4. works related to demolitions</p> <p><b>c. Hazardous Work:</b> Work that may be dangerous to the health of the child includes:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Work that may affect the child's health, either physically or psychologically; Works that are carried out using dangerous material that may affect the health of the child or that require lifting or heavy load;</li> <li>2. Works related to fishing using boats;</li> <li>3. Works performed and carried out by domestic workers under 18 years for a salary or other direct wages;</li> </ol>	<p>dangereux, ou à des conditions de température, de bruit ou de vibrations préjudiciables à leur santé;</p> <p>4. les travaux de demolition.</p> <p><b>c. Travail dangereux:</b> travail qui peut être dangereux pour la santé de l'enfant comprend:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. travail qui peut affecter la santé de l'enfant, physiquement ou psychologiquement;</li> <li>2. travaux qui sont effectués en utilisant des matières dangereuses qui peuvent affecter la santé de l'enfant ou qui nécessitent une charge lourde ou de levage;</li> <li>3. travaux relatifs à la pêche à l'aide de bateaux;</li> </ol>
--	--	--

<p>4. imirimo y'abakozi bo mu rugo bafite muni y'imyaka cumi n'umunani (18) bakora hanze y'imiryango yabo, bahemberwa umushahara cyangwa inyungu iyo ari yo yose;</p> <p>5. imirimo isaba abana kwikorera imitwara irenze imbaraga zabo;</p> <p>6. imirimo ikorwa amasaha menshi cyangwa nijoro hagati ya saa mbiri za nijoro na saa kumi n'ebiri za mugitondo, bakorera umushahara cyangwa ibindi bihembo ibyo ari byo byose;</p> <p>7. imirimo y'ubwubatsi ikoreshwamo imigozi y'amapfundo imanitse, ibikwa n'inzege;</p> <p>8. imirimo yo kubaka no gusenya, imashini ziterura ibintu biremereye n'ibindi bikoresho byose byateza ibyago;</p>	<p>4. Works that require children to carry loads that are heavier than their physical capacity;</p> <p>5. Works performed and carried out in long hours and at night between 8:00 pm and 6:00 am for a salary or other direct wages;</p> <p>6. Construction works carried out using ropes and other materials;</p> <p>7. Construction and demolition works; heavy lifting machine and other dangerous machines;</p> <p>8. Works carried out in places with machines that are turned on or off automatically and other annexed machines that do not have guards to prevent free access;</p>	<p>4. travaux exécutés et exécutés par des travailleurs domestiques âgés de moins de 18 ans pour un salaire ou un autre salaire direct;</p> <p>5. travaux qui exigent aux enfants de transporter des charges qui sont plus lourdes que leur capacité physique;</p> <p>6. travaux exécutés et exécutés dans les longues heures et la nuit entre 8:00 h et 6:00 h pour un salaire ou autre salaire direct;</p> <p>7. travaux de construction réalisés à l'aide de cordages et d'autres matériaux;</p> <p>8. Travaux de construction et de démolition; machine de levage lourde et autres machines dangereuses;</p>
--	--	--

<p>9. imirimo yo gushyiraho no gukuraho imashini zifasha gushyiraho imashini ziterura ibintu biremereye iyo zidashobora gukoreshwa n'umuntu uri kure yazo kandi akorera ahantu hafunze neza;</p> <p>10. imirimo yo kuyobora imashini nini, imodoka ziterura imizigo n'izisiza ibibanza;</p> <p>11. imirimo yo gusura, kugenzura, gusukura imashini zaka, keretse iyo zifite uburyo bwo kurinda impanuka yaterwa n'ibice byizunguza;</p> <p>12. Imirimo ikorerwa mu nzu zirimo imashini ziyatsa zikizimya n'ibindi byuma byometse ku bindi byikaraga iyo bidafite ibikingira ku buryo bidashobora kugerwaho.</p>	<p>9. Works carried out by conducting heavy machines terracing plots;</p> <p>10. works carried out by monitoring and supervising active electrical power plants unless when are safely protected in preventing accidents;</p> <p>11. Works carried out within houses where there are electrical generators without protective instrument that may prevent accidents</p> <p>12. Works carried out within houses where there are electrical generators without protective instrument that may prevent accidents.</p>	<p>9. Travaux effectués dans des endroits avec des machines qui sont allumées ou éteintes automatiquement et d'autres machines en annexe qui n'ont pas de gardes pour empêcher l'accès libre;</p> <p>10. travaux portés par out en effectuant des terrains de terrassement de machines lourdes;</p> <p>11. travaux effectués en surveillant et en surveillant les centrales électroniques actives à moins qu'elles ne soient protégées en toute sécurité pour prévenir les accidents;</p> <p>12. Travaux effectués dans des maisons où il existe des générateurs électroniques sans instrument de protection qui peuvent prévenir les accident.</p>
---	--	---

<p><b>d) Ibigo bibujijwe gukoresha abana</b></p> <p>Birabujijwe gukoresha abana mu bigo bikurikira bikoresha imirimo ifatwa nk'aho ari mibi ku bana:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. ibigo bikora ibikoresho by'ibiterasoni cyangwa bikorerwamo ibitaramo byerekana imyanya y'umubiri w'umuntu;</li> <li>2. ibigo bikora ibikoresho binyuranyije n'umuco nk'ibikora, ibicuruza, ibyamamaza inyandiko, ibishushanyo, amashusho, ibirango n'ibindi biciye ukubiri n'umuco n'imyifatire bikwiye, bihanwa n'amategeko igihe bigurishijwe, bimuritswe, bimanitswe cyangwa bikwirakwijwe mu bantu;</li> <li>3. ibigo bya Leta cyangwa by'abikorera bicukura amabuye y'agaciro n'ay'ubwubatsi;</li> </ol>	<p><b>d. Institutions that are prohibited to employ children</b></p> <p>It is prohibited to employ children in the following institutions with works that are considered worst forms of employment to children:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. institutions that produce ponographic materials or ponographic shows;</li> <li>2. institutions that manufacture, sell, advertise draw, print different publications that contrary to the morality and which are punishable by Law in case of their sale, exposed or distributed to the public;</li> <li>3. mining and quarry institutions whether public or private;</li> </ol>	<p><b>d. Les Etablissements qui sont interdit d'employer des enfants</b></p> <p>Il est interdit d'employer des enfants dans les établissements suivants avec des œuvres considérées comme les pires formes d'emploi pour les enfants:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. les entreprises de production de matériel pornographique ou de spectacles pornographiques;</li> <li>2. les entreprises de confection, de vente et de publicité tels que les écrits, imprimés, affiches, dessins, gravures, peintures, emblèmes, images ou autres, contraires aux bonnes mœurs et dont la vente, l'office, l'exposition, l'affichage ou la distribution sont pénalement sanctionnées;</li> <li>3. les entreprises de mines et carrières tant publiques que privés;</li> </ol>
--	---	--

<p>4. ibigo bishinzwe kwica inyamaswa, byorora inyamaswa z'inkazi cyangwa zifite ubumara;</p> <p>5. ibigo bikorerwamo imyuka ihumanya;</p> <p>6. ibigo bikora bikanacuruza ibiyobyabwenge;</p> <p>7. Ibigo bya gisirikare cyangwa ibishamikiye ku gisirikare.</p> <p>Birabujijwe kandi gukoresha abana mu bigo bikurikira bikoresha imirimo ifatwa nk'ifite ubukana bubi ku buzima bw'abana:</p> <p>1. ibigo bikora cyangwa bicuruza ibinyobwa bisindisha;</p> <p>2. ibigo by'ubwubatsi;</p> <p>3. Ibigo bibumba amatafari n'amategura.</p>	<p>4. institutions that carry out slaughtering of animals, rear dangerous or poisonous animals;</p> <p>5. institutions that manufacture toxic gases;</p> <p>6. institutions that are involved in the manufacture and traffic of drugs;</p> <p>7. Military camps or paramilitary organisations.</p> <p>It is also prohibited to employ children in the following institutions with works that are considered dangerous to the health of the children:</p> <p>1. institutions that produce and sell alcoholic drinks;</p> <p>2. construction institutions;</p> <p>3. bricks and tiles manufacturing institutions;</p>	<p>4. les entreprises d'abattage des animaux, de ménageries d'animaux féroces ou venimeux;</p> <p>5. les entreprises de compression de gaz dangereux;</p> <p>6. les entreprises de production et de trafic des stupéfiants;</p> <p>7. les camps militaires ou les organisations paramilitaires.</p> <p>Il est également interdit d'employer des enfants dans les établissements suivants avec des œuvres considérées comme dangereuses pour la santé des enfants:</p> <p>1. les entreprises de production et de vente des boissons alcoolisées;</p> <p>2. les entreprises de construction;</p> <p>3. les entreprises de fabrication des briques et de tuiles.</p>
---	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 10: Ikiruhuko cy’umwana</u></b></p> <p>Umwana yemerewe ikiruhuko cy’amasaha cumi n’abiri (12) akurikiranye hagati y’ibihe bibiri by’akazi icyo kiruhuko kitagomba kujya muni. Agomba kandi guhabwa iminsi 2 yo ku mibyizi y’ikiruhuko buri kwezi kw’akazi.</p> <p><b><u>ICYICIRO CYA 5: KUNGENZURA IMIRIMO MIBI IKORESHA ABANA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya: 11. Kugenzura</u></b></p> <p>1. Umukoresha abujijwe gukoresha abana imirimo mibi. Mbere yo guha akazi umukozi, umukoresha asabwa gusaba umukozi we fuza akazi icyemezo cy’amavuko kugira ngo amenye imyaka ye.</p> <p>2. Umugenzuzi w’umurimo, mugihe akora ubugenzuzi agomba gusaba umukoresha ibyangombwa by’umukozi akeka ko ashobora kuba ari umwana.</p>	<p><b><u>Article 10: Rest of a child</u></b></p> <p>A rest of child must be twelve (12) hours for two consecutive period of work. He or she must have 2 days of rest each month.</p> <p><b><u>CHAPTER 5. MONITORING OF CHILD LABOUR</u></b></p> <p><b><u>Article11. Monitoring</u></b></p> <p>1. Employer must not employ children in child labour. Before employing a person, employer must request the birth certificates of the prospective employee to know his/her age.</p> <p>2. Labor Inspector during inspection must request employee’s identity card for suspected to be a child.</p>	<p><b><u>Article 10: Repos de l’enfant</u></b></p> <p>Le repos de l’enfant entre deux périodes de travail doit avoir une durée minimum de douze (12) heures consecutives. Il est egalemt accordé un repos de deux jour considerant les heures du travail pour chaque mois.</p> <p><b><u>CHAPITRE 5: SUPERVISION DE TRAVAUX DES ENFANTS</u></b></p> <p><b><u>Article 11:Supervision</u></b></p> <p>1. L’employeur ne doit pas engager les enfants dans les pires forme de travail. Avant d’employer une personne, il doit demander L’attestation de naissance au prétendant employé pour connaître son age.</p> <p>2. L’Inspecteur du dravail pendant l’inspection doit demander la carte d’identité à tout employé qu’il juge être mineur.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Uruhare rw' Inzego za Leta n'iz'Abikorera</b></p> <p>Inzego za Leta n'izabikorera cyane cyane izifite aho zihuriye n'inshingano zo kureberera umwana zirasabwa kubahiriza aya mabwiriza, gushyiraho ingamba zihamye zo gukumira imirimo mibi ikoreshwa abana, gukora ubukangurambaga mu miryango no guhana amakuru ku kibazo cy' imirimo mibi ikoreshwa abana.</p> <p>By'umwihariko Abayobozi b'inzego z'ibanze bagomba gukora ubukangurambaga buhoraho, kwigisha, gukora ubugenzuzi no gushyira ku murongo w'ibyigwa w'inama zitandukanye ikibazo cyo gukoresha abana imirimo mibi kigacika burundu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Uruhare rw'Ababyeyi</b></p> <p>Ababyeyi n'abandi bantu bose barera abana barasabwa kwirinda gukoresha abana babo cyangwa abo barera imirimo mibi. Barasabwa kandi kubahiriza inshingano zo gutanga uburere bukwiye umuco nyarwanda ku bana babo n'abo barera, kubashyira mu ishuli no kwirinda kubahohotera.</p>	<p><b><u>Article 12.</u> Role of Government and Private institutions</b></p> <p>Government and non-government institutions especially those that have activity that relates to support of children in their mandate must respect and enforce these instructions and put in places strategies to prevent child labour, raise awareness in families and share relevant information on child labour.</p> <p>Particularly, Local authorities must conduct child labour awareness activities, conduct child labour monitoring and ensure that child labour prevention is tabled on agenda of different meetings to find solutions to child labour elimination.</p> <p><b><u>Article 13.</u> Role of parents</b></p> <p>Parents and other care takers must ensure that a child does not involve in child labour. Parents/caretakers must respect their role and responsibilities of educating their children in relation to Rwandan culture while ensuring that children get access to education and not generally violating their rights.</p>	<p><b><u>Article 12:</u> Le role des Institutions Publiques et privées</b></p> <p>Les institutions tant publiques que privées surtout ceux, ayant rapport à la protection de l'enfant en general sont contraint de veiller à la mise en vigueur ces instructions. Ils doivent aussi instaurer des strategies et mécanismes de communication sur le travail des enfants.</p> <p>D'une manière particulière, les autorités locales doivent toujours faire le campagne sur la lutte contre le travail des enfants au niveau locale, faire l'inspection là où les enfants sont susceptible aux travaux dangereux afin de les éradiquer.</p> <p><b><u>Article 13:</u> Role des Parents</b></p> <p>Les Parents ou tou autre personne ayant en charge la protection des enfants doivent veiller a ne pas engager les enfants dans les travaux dangereux. Ils doivent néanmoins promouvoir une education de base aux enfants à leurs propres enfants et ceux adoptés légalement et les amener à l'école tous ceux qui ont l'âge minimum et prevenir l'exploitation.</p>
--	--	---

<p><b>ICYICIRO CYA 6: IBIHANO BITEGANYIJWE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</b></p> <p><b>a) Ibihano ku bakoresha</b></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu Itegeko no 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, umukoresha wo mu bigo byanditse uzakoresha umwana cyangwa uzagaragaraho uruhare urwo arirwo rwose rutuma umwana akoreshwa imirimo mibi azacibwa amande ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500,000Frw) kugeza ku mafaranga miliyoni imwe y'u Rwanda (1,000,000 Frw).</p> <p>Umukoresha mu bigo bitanditse uzakoresha umwana cyangwa uzagaragaraho uruhare urwo ari rwo rwose rutuma umwana akoreshwa imirimo mibi, by'umwihariko uzakoresha abana imirimo yo mu ngo hanze y'Umuryango azacibwa amande ari hagati y'ibihumbi ijana (100,000Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi magana atanu (500,000 Frw).</p>	<p><b>CHAP 6. PENALTIES FOR THOSE ENGAGING CHILDREN IN CHILD LABOUR LABOR</b></p> <p><b><u>Article 14 :</u> Administrative Sanctions</b></p> <p><b>a) Sanctions for Employers</b></p> <p>Subject to the provisions of Law n°. 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, employer in Formal sector who shall employ a child in child labour or individual underlaying the child exploitation, shall be liable for a fine ranging from five hundred thousand (500,000) up to one million Rwandan francs (1,000,000 rwf).</p> <p>Employer in Informal Sector who shall employ a child in any activity that exposes a child to child labor, specifically who will engage the child in domestic work outside his/her family, shall be liable for a fine ranging from a fine between one hundred thousand Rwandan francs (100,000frw) up to five hundred thousand (500,000 rwf).</p>	<p><b>CHAPITRE 6: SANCTIONS ADMINISTRATIVES</b></p> <p><b><u>Article 14:</u> Sanctions Administratives</b></p> <p><b>a) Sanctions aux Employeurs</b></p> <p>Sous réserve des dispositions du loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, quiconque se rend coupable de l'infraction d'engager l'enfant dans l'une des pire forme de travail, des travaux dangereux dans le secteur formel, sera coupable d'une amende equivaut a cinq cent milles (500,000 frw) jusqu'a un million de franc rwandais (1,000,000 frw );</p> <p>L'employeur dans le secteur informel qui sera coupable de l'infraction d'engager l'enfant dans l'une des pires forme du travail et travaux dangereux, d'une maniere specifique celui/celle qui emploiera l'enfant dans les travaux domestiques en déhor sa famille sera coupable d'une amende équivalent à cent milles francs rwandais (100,000) jusqu' à Cinq cent milles francs rwandais (500,000).</p>
---	---	---

<p>Nanone kandi, umukoresha wese yaba uwo mu bigo byanditse cyangwa ibitanditse uzagaragara uruhare urwo ari rwo rwose rutuma umwana akoreshwa imirimo mibi, ashobora guhagarikirwa imirimo by'agateganyo mu gihe kiri hagati y'iminsi irindwi (7) n'ukwezi kumwe (1).</p> <p><b>b) Ibihano ku Babyeyi</b></p> <p>Umubyeyi wese uzakoresha umwana imirimo mibi cyangwa uzagaragara kutita ku nshingano ze bigatuma umwana we cyangwa uwo arera akoreshwa imirimo mibi azahanishwa kimwe mu bihano bikurikira:</p> <p><b>a.</b> Kwihanangirizwa mu ruhame mu nama y'umudugudu cyangwa ku muganda;</p> <p><b>b.</b> Gucibwa amande angana n'ibihumbi icumi (10,000 rwf) ku mubyeyi wese utita ku Inshingano ze zo kwita ku burere bw'Umwana we cyangwa uwo arera bikamuviramo kuba inzererezi no gukoreshwa imirimo mibi;</p>	<p>In addition, an employer in either formal or informal sector who exposes a child to child labor, may be sanctioned by a temporary closure of his/her establishment for a period between seven days (7) and one month (1).</p> <p><b>b) Sanctions to the parents</b></p> <p>Any parent who engage his/her child or adopted child in child labour and does not ensure their protection against child labour shall be fined as follows:</p> <p><b>a.</b> To be warned in public during village meeting or village community work;</p> <p><b>b.</b> To be fined of ten thousand (10,000Rwf) for any parent who does not care for his/ her child, and as result he/ she is engaged in child labour or become street children.</p>	<p>En outre, un employeur dans le secteur formel ou informel, qui emploie un enfant dans toute activité exposant un enfant au travail des enfants, peut être sanctionné par une fermeture temporaire de son établissement pour une période comprise entre sept jours (7) et un mois (1).</p> <p><b>b) Sanctions aux Parents</b></p> <p>Tout parent qui emploi son propre enfant ou celui/ celle adoptif dans l'une des travaux interdites aux enfants ou qui ne rend pas compte de la protection de son enfant, lui conduisant d'être exploitée sera coupable de l'une de penalités suivantes:</p> <p><b>a.</b> Avertissement en public toute fois lors de rencontre de la communauté locale au niveau du village;</p> <p><b>b.</b> En cas de non correction, il sera coupable d'une amende de Dix milles francs rwandais (10,000frw) tout Parent qui ne tient pas compte de la protection de son enfant ou son adopté et ceci exposant l'enfant d'être exploité ou devenir enfant de la rue.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 15: Iyubahirizwa ry'Ibihano ku rwego rw'Ubutegets</u></b></p> <p>Ay'amande azajya acibwa n'Umugenzuzi w'Umurimo ku rwego rw'Akarere cyangwa n'undi wese uri mu Rwego rw'Akarere rushinzwe gukumira no kurwanya imirimo mibi ikoresha abana wabiherewe ububasha n'Ubuyobozi bw'Akarere; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali.</p> <p>Amande yose yaciwe azajya yishyurwa kuri konti y'Akarere aho ikosa ryakorewe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Abashinzwe kubahiriza aya Mabwiriza</u></b></p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubutegets bw'Igihugu babinyujije mu Nzego z'Ibanze, barasabwa gushyira aya Mabwiriza mu bikorwa.</p>	<p><b><u>Article 15: Enforcement of Administratives Penalties</u></b></p> <p>Labour Inspector at District level or other member of the District Steering Committee on the Prevention and elimination of child labour; the Executives Secretaries of Sector and Cell levels are entrusted to enforce these punishments</p> <p>Fines must be paid at the district account number where the fault is committed.</p> <p><b><u>Article 16: Enforcing Institutions</u></b></p> <p>Minister of Public Service and Labour, Minister of Local Government through local Authorities must enforce the Ministerial instructions on the Prevention and fight against child labour.</p>	<p><b><u>Article 15: Mise en vigueur des Sanctions Administratives</u></b></p> <p>L'Inspecteur du travail au niveau du District et tout autre membre du comité du District sur la prevention et lutte contre le travail des enfants; les Secrétaires Executives au niveau du Secteuret du Célule sont ceux chargés de la mise en application des santions prévues.</p> <p>Toute amende sera payée et mise dans le trésor public du District dans la zone de circonscription de l'infraction faite.</p> <p><b><u>Article 16 : Institutions chargées de la mise en vigueur ces Instructions</u></b></p> <p>La Ministre de la Fontion Publique et du travail, Le Ministre du Gouvernement Local en travers l'autorite du District sont chargés de veiller à la mise en vigueur ces instructions present.</p>
---	---	---

**Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza y'Umujyi wa Kigali n'ayi Ntara ajyanye no gukumira no kurwanya imirimo mibi ikoreshe abana zibanziriza aya mabwiriza kandi zinyuranyije nayo zivanweho.

**Ingingo ya 18: Igihe aya mabwiriza azatangira**

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa ku muni yashyizweho umukono na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

Kigali, kuwa 17/01/2017

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**  
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo



**Article 17: Repealing of inconsistent Provisions**

Articles of Instructions set by City of Kigali and Provincial instructions relating to the prevention and fight child labour which are contrary to this Ministerial Instructions on the prevention and fight against worst forms of child labour are repealed.

**Article 18: Commencement**

These Ministerial Instructions must come into force after the approval and signature by Minister of Public Service and Labour.

Kigali, on 17/01/2017

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**  
Minister of Public Service and Labour



**Article 17 : Disposition abrogatoire**

Tout articles contraires à ces Instructions que ça soient ceux émises par la Mairie de la ville de Kigali et ceux de Provinces sont abrogées.

**Article 18: Mise en vigueur de ces Instructions**

Ces Instructions sont mise en vigueur toute fois qu'ils sont signés pa la (le) Ministre de la Fontion Publique et du Travail.

Fait a Kigali, Le 17/01/2017

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**  
Ministre de la Fontion Publique et du Travail

